IMIKINO YA KIMWE CYA KABIRI CY'IRANGIZA MU MIKINO IHUZA ZA DIYOSEZI GATOLIKA ZO MU RWANDA

Abepiskopi batangiza umupira w'amaguru

Mu rwego rw'urugendo rw'umwaka wa yubile y'imyaka 100 y'Ubusaseridoti mu Rwanda; hateguwe ibikorwa binyuranye bigenda bihuza Abasaseridoti hirya no hino. Ibyo bikorwa birimo imyiherero, ingendo Nyobokamana, amahugurwa n'imikino ngororamubiri ya Basketball, volleyball na football.

Ni muri urwo rwego, kuri uyu wa mbere tariki 29/05/2017, mu Iseminari Nkuru ya Rutongo habaye imikino ya kimwe cya kabiri cy'irangiza yahuje Diyosezi zimwe na zimwe. Mu mukino wa Basketball Arikidiyosezi ya Kigali yatsinze Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri 54 kuri 37; mu mukino wa Volleyball, Diyosezi Gatolika ya Kibungo yatsinze Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri amaseti 2 ku busa mu gihe mu mupira w'amaguru Diyosezi Gatolika ya Nyundo yanyagiye Arikidiyosezi ya Kigari ibitego 5 kuri 1.

Iyi mikino yaranzwe n'ishyaka ku mpande zose zakinaga, buri kipe yashakaga intsinzi kugira ngo izitabire imikino ya nyuma izabera i Kabgayi ku wa 26/06/2017.

Mu ijambo yabwiye abari bitabiriye iyo mikino Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo yavuze ko bishimishije kuba ntakibazo cyabaye mu mikino, yashimiye abakinnyi n'abafana ko icyingenzi ari uko bose bitabiriye imikino. yasabye abatsinze ko bitegura gukina umukino wa nyuma gusa agaragaza ko intsinzi iri iya bose. Igitego cya

mbere ni uko imikino yabashije gutunganywa igashoboka. Yashimiye Iseminari Nkuru ya Rutongo yakiriye imikino.

Ikipe za Volleyball za Diyosezi Gatolika ya Kibungo n'iya Ruhengeri

Umukino wa Volleyball hagati ya Kibungo na Ruhengeri

Ikipe za Basketball za Arikidiyosezi ya Kigali na Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri

Ikipe y'umupira w'amaguru ya Diyosezi Gatolika ya Nyundo

Ikipe y'umupira w'amaguru y'Arikidiyosezi ya Kigali

Amakipe yombi mbere y'umupira w'Amaguru

Diyosezi Gatolika ya Nyundo yishimira intsinzi

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA